# UMUSARURO

*Uruho ruteretse ruhorana isuku, ariko nta nyungu ruba rwinjiza.*

## IHAME RY' ICYUMWERU

Ijambo umusaruro rishamikiye ku burumuke cyangwa ifumbire. Ni bisuzo by' umurimo. Tuvuga ko ubutaka bwera kubera kuko bufite ubushobozi bwo gutanga umusaruro. Iyo bufashwe neza bubyara umutungo binyuze ku nyungu. Ubutaka budafite imirimo iharangwa nta nyungu butanga.

Umunyebanki yigeze gusura umuhinzi rimwe. Nuko ubwo yacaga ku nyubako zikeye nu ruzitiro ruconze yatangajwe n'ubwiza bwazo . Yabwiye umuhinzi ko , "Imana yaguhaye urwuri ruhebuje muri iki kibaya." Umuhinzi yitegerje imirima ye nuko yibuka umwete ni mbaraga byamutwaye maze aramusubiza ," iyo uhabona Imana ikiharema." Ubushobozi bwari mu butaka n' umuhinzi, ariko iyo umuhinzi atagira umwete ntacyo yaribugereho.

Umusaruro bisobanuye ko tugomba gukorana umwete haba mu bitekerezo ndetse n' umutungo dufite kugira ngo tuwubyaze inyungu zigaragara. Igisubizo cyabyo gishingiye mu kubaka umuryango urangwa n'iterambere. Muri buri muntu harangwamo ubushobozi . Tuvukana bwo kubyaza umusaruro ibintu. Ni nshingano yacu rero gukoresha umusaruro tugamije kwagura ubushobozi dufite. Bikunze kutunanira kubera ko tutagera ku musaruro. Iyo twicaye ubusa, tuzasarura ubusa, ariko iyo dukoresheje ubushobozi twavukanye tuzajya mbere dusatira ubushobozi. Mu muryango , kuba inkora busa bikurura ubukene.

Ibanga ryo kugera ku bisubizo bifatika nu guhuza umurava , umusaruro ku rundi ruhande, kandi byose biherekejwe no kwitegura bihagije. Ntibikwiye yuko twanyurwa gusa ni myiteguro myiza. Imyiteguro idatanga umusaruro ni impfabusa. Akenshi ibikorwa by 'inyungu bidindizwa ni bibazo bigenda bivuka. Kubaka bitumura ivumbi n' ibarizo; ntidushobora kubyara umusaruro kandi twirengagije inzira z'ibanze . Mu gihe dushoboye kuyobora neza ibyo dukora ubuzima nabwo buzarushaho kutera imbere.

Abatetsi benshi bi ngwiza murongo, naho abatetsi bafite umurongo mwiza (bahanagura n' ameza) akanya kenshi bakamara bishimira ibyo amategeko ya kazi abemerera, aho kunoza umurimo wabo. Iyi niyo mpamvu tubagabanya umubare wabo. Kunoza umurimo bisa nkibigoye kuri bamwe kandi biboneka nko kurengera rimwe na rimwe, nyamara bitanga ibisubizo biboneye. Ni byiza ko umwanda cyangwa iyononeka ry' ibintu, bitanga umurimo kuri bamwe.

Mu miryango/ ibigo bikomeye hatakazwa umwanya munini buri munsi twikorera ibyacu bwite aho guhugira ku murimo. Ikiturangaje imbere kigomba kuba kwihesha agaciro wubaka ibitekerezo bishya hamwe no kongera umusaruro ku giti cyawe. Bishobora kuturangaza tukibagirwa ko isi dutuyemo igengwa ni higanwa, kunoza umurimo hejuru ya byose guhanga udushya. Iyo dukora tutazirikana impamvu dukora nuwo tubikorera, ibi bishobora gutokora kamere yacu bityo tukaba inkorabusa.

## INYUNGU

1. Bizadufasha kuva mu muco wo kwikakanyaza
2. Bizadufasha kuzirikana no gufata igihe neza.
3. Bizatuma tubazwa inshingano zacu haba ku bushobozi ndetse ni bitekerezo.
4. Bizadutera imbaraga binyuze mwi jambo dufite.

## INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Koresha ubuzima bwawe neza, ubuzima ni

# Inzira ni mikorere mu gutanga
# MUSARURO




impano kandi uko tubufata biri mu maboko yacu. Ntabwo ibyo twifuza byikora ahubwo tugomba kubikora.

2. Gena neza ibyo ukora. Itoze gufata neza ubutaka ubukiza umwanda
3. Itoze kunoza umurimo. Sobanukirwa itandukaniro hagati y'ireme ni ubwinshi. Ifashishe inzobere mu gupima umusaruro wi mishinga yawe. Bityo bikagufasha gupima umurava ndetse n'umusaruro. Gukora si ukuvunika ahubwo ni ugukorana ubwenge.
4. Itoze kugira gahunda isobanutse. Abantu benshi ntibazi kwiha gahunda igororotse ni nayo mpamvu batagera ku musaruro. Umufundi amenya kubika ibikoresho bye ku murongo. Witakaza umwanya munini rero ushakisha ibyo wabitse nabi.

Abantu , imiryango ndetse ni bihugu bigomba kugira umusaruro. Abantu bagomba guhozaho umurimo, guhanga no guteza imbere inzozi, bityo bikarema ishusho ku byo twibwira. Mu gihe duhagaze guhanga bizatuma tudakura mu ntekerezo zacu. Gukura biyoboka abantu bahora ku murimo. Tangira uhange, aho kwakira ibyakozwe n'abandi . Mu gihe dukoresheje byinshi biruta ibyo twasohoye bidushiraho, yaba umuntu ku giti cye ndetse n'umuryango mugari dutuyemo.

Ntabwo tuvukana umutungo, ariko dufite ubushobozi bwo kuwburema. Ibanga ry' ubukire n' ubuzima bufite umusaruro. Buri muntu yinjira kandi agasohoka iyi si adafite ubutunzi .

Icyo dusiga inyuma cyonyine ni kamere yacu ndetse ni izina twubatse. Kamere yacu iremwa habanzwe cyane ku musaruro twagezeho ku mirimo yacu ndetse n' ubuzima bwacu.

## IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese wigeze utoza ubuzima bwawe mu gutanga umusaruro?
2. Ese wibona nk' umuhanzi w' umurimo cyangwa umukoresha ku byakozwe?
3. Ese ubona wagira gahunda ihamye cyangwa se umusaruro wawe uracumbagira?

**Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!**

| | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10 | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 | 6 | 7 | 8 | 9 | 10 |
| Kuki wihaye aya manota? | | | | | | | | | | |
| Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe? | | | | | | | | | | |
| Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?? | | | | | | | | | | |
| Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi | M | T | W | T | F | S | S | | | |